GAHUNDA YO KUNGANIRA IMFUNGWA MURI GEREZA

Mu rwego rwo gufasha imfungwa kubona ubutabera muri ibi bihe Igihugu cyacu ndetse n'Isi yose muri rusange bihanganye n'icyorezo cya Covid 19;

Urugaga ruramenyesha abavoka bose ko **imfungwa zigiye gutangira kuburanishwa hakoreshejwe ikoranabuhanga rya Video Conference** aho ibikenewe byatangiye gutegurwa muri Gereza zimwe na zimwe;

Bitewe n'uko imfungwa ziri mu bantu bashobora kwibasirwa bikomeye na Covid 19 kubera uburyo zibaho muri Gereza, gahunda yo kubaburanisha no kubunganira irasaba kubahiriza mu buryo bukomeye ingamba zashyizweho zo kwirinda icyo cyorezo.

Ni muri urwo rwego RCS isaba ko mu gihe cy'iburanisha cy'izo mfungwa cyangwa se mu gihe cyo gutegura urubanza, **avoka uzunganira umukiliya we ufungiye muri Gereza azasabwa kubahiriza ibi bikurikira kugira ngo azemererwe kwinjira muri Gereza**:

1. Kumenyesha Urugaga rw'Abavoka **byibuze mu masaha 48 mbere y'uko avoka afata gahunda yo kujya kuri Gereza** ibi bikurikira: **amazina ya Avoka**, **umunsi n'isaha azajya gufasha umukiliya we** kuri Gereza, **amazina y'umukiliya we** na **Gereza afungiyemo**;
2. **Kwirinda guhererekanya impapuro**, **amakaramu**, cyangwa **ikindi kintu icyo aricyo cyose kiva mu maboko y'umutu umwe kijya mu maboko y'undi** haba hagati ya avoka n'umukiliya we cyangwa hagati ya Avoka n'umukozi wa Gereza;
3. **Kwambara agapfukamunwa, kwitwaza no gukoresha sanitizer** no **gushyira intera isabwa** hagati ya Avoka n'uwo yunganira cyangwa umukozi wa Gereza;
4. Kwitegura **gupimwa umuriro** no **kuzuza igitabo kijyamo umwirondoro w'umuntu wese** uje kuri Gereza muri ibi bihe.

Urugaga rw'abavoka narwo rukazajya rwoherereza RCS liste y'abavoka bazajya kuri Gereza mbere y'amasaha 24 mbere y'uko Avoka ajya kuri Gereza.

Iyi gahunda ikaba itangira gukurikizwa tariki 08/05/2020.

Urugaga rukaba rukomeje kubifuriza ubuzima bwiza.

Murakoze